
# KUBERA IKI AMATURO YACU AGOMBA KUBA ASHINGIYE KU MUGABANE W'IJANISHA?



Byateguwe na pasitoro Marcos Faiock Bomfim, akaba yaratorewe kuba umuyobozi w'icyiciro cy'ubusonga mu Nteko Nkuru Rusange y'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi muri 2015.



**Uwasemuye iyi nyandiko mu Kinyarwanda:**
MAAJABU ALLELUIA TITO
E-mail: maajabualleluiatit77@gmail.com
Tel: (+250)785943779 / (+250)728915675

**Uwagize uruhare mu gukosora isemurwa ry'iyi nyandiko:**
HAGENIMANA JEAN DE DIEU
E-mail: hagena77@gmail.com
Tel: (+250)784239311

# AMASHAKIRO

Ni iki gifite umumaro kuruta ikindi? Mbese ni icya cumi, cyangwa ni amaturo? .... 5

Ni ikihe gihe dushobora kugeramo, gikwiriye kudutera gutanga ituro? Mbese rikwiriye gutangwa incuro zingahe?.................................................................. 6

Mbese nkwiriye gutanga ituro ringana rite? ....................................................... 7

Kubera iki tudatanga amaturo ya buri gihe ashingiye ku mubare ufatika?............ 7

Mbese twabasha kubona ahandi hantu muri Bibiliya hatavuga ku cya cumi, hāba harakoreshejwe uburyo bw’umugabane runaka mu bijyanye n’imisanzu y’ubutunzi yatangwaga? ........................................................................... 8

Mbese byagenda bite mu gihe nta kintu nungutse? .......................................... 10

Mbese ijambo “uruhererekane” riri mu magambo yo mu nyandiko za Elina G. White avuga ngo “gutanga mu buryo bw’uruhererekane” asobanuye iki? .......... 11

Ariko se iyi gahunda Kristo yashyizeho ni iyihe nyirizina? .................................. 12

Mbese ni kangahe kitwa “buri gihe”, kandi ni iyihe “gahunda” yavugwagaho? ... 13

Ni gute mbara ingano y’amaturo yanjye? ........................................................ 13

Amaturo ya buri gihe n’amaturo atangwa bitewe n’imishinga ihari.................... 14

# KUBERA IKI AMATURO YACU AGOMBA KUBA ASHINGIYE KU MUGABANE W'IJANISHA?

Mbese ni gute menya ingano y'amaturo nzatanga mu gihe nzaba ndi gutura? Mbese ni icyemezo nafashe nshingiye kuri Bibiliya cyangwa ku bipimo byashyizweho? Mbese ngendera gusa kucyo amarangamutima yanjye y'ako kanya ambwiye cyangwa ibyiyumviro byanjye bwite bije muri uwo mwanya wo gutura? Mu by'ukuri, ni iki ngenderaho mu gufata icyemezo cyo kuzajya ntanga amaturo? Mbese gutanga amaturo ni itegeko nk'uko bimeze ku cya cumi, cyangwa yo abarizwa mu cyiciro gifite agaciro gake? Mbese ngomba gutanga ituro igihe cyose ntanze icya cumi, cyangwa mfite umudendezo wo guhitamo incuro nzajya ntanga ituro "nshingiye ku mutimanama wanjye?" Ni ikihe kintu kiboneye, gikwiriye kuntera gutura? Mbese ni umushinga mwiza, ubukene bwihutirwa bwo ku itorero ryanjye, amarangamutima yimbitse y'ibya mwuka yazamuwe n'inararibonye y'amayobera, cyangwa nta nakimwe muri ibi byavuzwe haruguru?

Mu cyimbo cyo kurebwa "nk'umusanzu" cyangwa "impano" ihawe itorero, amaturo akwiriye kurebwa kandi agatangwa nk'igikorwa cyo kugaragaza ibyiringiro (*Zaburi 4:6*), kandi nk'igikorwa cyo kuramya Uwiteka (*Zaburi 27:6*). Niyo mpamvu igituma umuntu atanga ituro, gikwiriye kuba gifitiye ūri kuramya umumaro uruta cyane uwo gifitiye aho iryo turo rizajyanwa (reba muri *Zaburi 27:6*) cyangwa n'umushinga rizashyigikira. Mu gutanga urugero rw'uburyo impamvu ipfuye yo gutanga ituro yateza akaga ku buzima bw'ibya mwuka, Elina G. White aravuga ati "Byarushaho kuba byiza uretse kugira icyo utanga rwose aho gutanga ituro ryawe winuba; kubera ko iyo dutanze ku butunzi bwacu tudafite umutima w'ubushake, tuba tuneguye Imana[1]"

***Ni iki gifite umumaro kuruta ikindi? Mbese ni icya cumi, cyangwa ni amaturo?***

Uko byaba bitunguranye kose, kandi bikaba bitandukanye n'ibyo bamwe bibwira ko ari inyigisho izwi cyane ya Kidiventiste ku bijyanye n'icya cumi n'amaturo, Bibiliya yigisha ko nubwo bifite intego zitandukanye, byose bifite

[1] *Inama ku busonga, p.182*

umwanya w'ingenzi mu kuramya no kuba indahemuka kwacu ku Mana, kandi byombi bikwiriye kuba ku rwego rureshya rw'umumaro bigirira ūramya. Uwiteka ni we ubidutegeka byombi, kandi kutabimuzanira, abifata nko kubura ubunyangamugayo (*Malaki 3:8,9*). Nyamara, nubwo bifite umumaro ku rwego rureshya, ntabwo bikwiriye kuvangwa cyangwa ngo kimwe gisimbuzwe ikindi, kubera ko buri kimwe muri byo gifite umumaro wihariye mu gishushanyo mbonera cy'Imana kigendanye no kurangiza umurimo wayo. Nta gihe na kimwe icya cumi kigomba gutangwa nk'ituro cyangwa ngo ituro ritangwe nk'icya cumi.

*"Iyi gahunda yo gutanga mu buryo bwateguwe kandi buhoraho, yateguwe kubw'umwami wacu Yesu Kristo ubwe, ari we watanze ubugingo bwe kubw'iyi si."*

***Ni ikihe gihe dushobora kugeramo, gikwiriye kudutera gutanga ituro? Mbese rikwiriye gutangwa incuro zingahe?***

Bitewe na kamere yacu yacumuye, birimo akaga kugena gahunda idahinduka cyangwa ingano y'umubare w'amaturo, dushingiye gusa ku byiyumviro[2], impamvu nziza, ishimwe rivuye ku mutima kandi ritanganywe ubushake, cyangwa ubusabe bwo gufasha imishinga irebana n'umurimo w'Imana. Kubw'ibyo rero, turahamagarirwa kuzana amaturo yacu dukurikije ihame[3], kandi tukabikora tubigambiriye mu mitima yacu, nk'uko Pawulo abivuga (*2 Abakorinto 9:7*). Ndetse n'ubwo twaba tudafite umwuka ukwiriye, niba nta byiyumviro dufite biri muri icyo cyerekezo, cyangwa niba nta mushinga n'umwe uhari tuzi urebana n'umurimo w'Imana; ntidukwiriye kunanirwa kuzirikana imigisha y'Uwiteka mu buzima bwacu binyuze mu kumuramya tuzana "umuganura w'ibyo twunguka

---

[2] *Mu gitabo cy' Inama ku Busonga, p.26, Elina G. White aravuga ati: "Kwikunda ni yo kamere iranga umuntu muri rusange. . . . Kugira icyo dutanga cyangwa se dukora ariko nta mpuhwe dufitiye abo dukorera, cyangwa se kugundira impano zacu no kudakorera abandi ibyo badukeneyeho bitewe n'uko amarangamutima yacu atakangutse, ni inzira irimo ubujiji kandi irimo akaga."*

[3] *"Abakristo bakwiriye gukora bakurikije ihame ritajegajega, bagakurikiza urugero rwo kwigomwa no kwitangira abandi, ari rwo rugero bahawe n'umukiza wabo." (Inama ku Busonga, p.26).*

byose” (*Imigani 3:9*), tunamusaba kuduha umwuka ukwiriye wo kumuramya by’ukuri, dukurikije ubushake bwe (*Zaburi 51:12*).

Ibi bisobanuye ko, mu buryo bumwe nk’ubw’icya cumi, Ijambo ry’Imana risaba ko amaturo azajya amurikwa imbere yayo buri gihe cyose habayeho kwiyongera k’ubutunzi cyangwa habayeho kunguka (*Imigani 3:9*), kubwo kuzirikana ko ari We sōko ya buri mugisha wose no kunguka kose. Kunanirwa guhora tuzana amaturo mu gihe cyose tuje gutanga icya cumi (cyangwa igihe habayeho kwiyongera k’ubutunzi cyangwa kunguka), byagaragaza kudafata Imana nk’isōko y’imigisha yose, kandi ni kimwe mu bibarwa nko kubura ubunyangamugayo mu ijambo ryayo (*Malaki 3:8,9*).

***Mbese nkwiriye gutanga ituro ringana rite?***

Mu buryo butameze nk’ubw’icya cumi gifite ingano yashyizweho n’Uwiteka mu buryo busobanutse neza (10 ku ijana), ingano igomba gutangwa nk’ituro, Imana yayirekeye ūramya kugira ngo yihitiremo, yihe intego, nk’uko ishimwe ry’umutima we riri (*2 Abakorinto 9:7*). Ibi bisobanuye ko hagomba kubaho umwanzuro w’umuntu ku giti cye. Kandi niba nta cyemezo mfashe mbere cy’ingano y’amaturo nzajya ntanga, bivuze ko igisigaye ari uko nzajya nyoborwa n’ibyiyumviro bihora bihindagurika by’umutima. Ariko se, iyo ntego ikwiriye gushingira ku mubare runaka ufatika; cyangwa ku mugabane runaka w’ibyo nungutse nk’uko ku cya cumi bimeze?

***Kubera iki tudatanga amaturo ya buri gihe ashingiye ku mubare ufatika?***

Gusezerana ingano runaka y’amaturo, byaba bidahwitse cyangwa bitanarimo ubwenge, kuko bishoboka ko hābaho impinduka nini mu buryo ubukungu bwacu bwifashe, bikaba nyuma yuko umubare runaka ufatika w’amaturo wamaze gusezeranwa nk’intego ya buri gihe, maze bigatuma rya sezerano rihinduka iritumvikana; cyangwa kurisohoza bigahinduka ibidashoboka. Reka dufate urugero, Niba inyungu (imigisha) yiyongereye cyane, ingano y’amaturo yagambiriwe, ishobora guhinduka idakwiriye kubwo kuyigereranya n’ibyungutswe, kandi ntiyakongera guhishura ku rugero rukwiriye ishimwe rivuye ku mutima. Ku rundi ruhande, niba habayeho kugabanuka cyane cyangwa no guhagarara kw’inyungu bitewe no kubura akazi cyangwa izindi mpamvu, ituro

ryagambiriwe ntiryakongera kuboneka mu buryo burambye. Niyo mpamvu bigaragara ko ari iby'ubwenge, ko buri mwizera, ndetse n'abatagira inyungu n'imwe idahinduka [cyangwa umushahara], bakwiriye gufata icyemezo gishingiye k'umugabane w'ijanisha mu cyimbo cy'ushingiye ku ngano ifatika y'umubare.

Iki cyemezo gishingiye ku mugabane w'ijanisha, ari cyo twita "Amasezerano yacu"[4], ntabwo kigomba kuba gishingiye ku migisha duteganya kuzabona, ahubwo kigomba gushingira ku kwizera kwimbitse ndetse n'ishimwe rivuye ku mutima ry'imigisha twamaze kwakira. Ibi ni byo byatumye Yona aririmba atya ubwo yari amaze gutabarwa: "Ariko jyeweho nzagutambira igitambo n'ijwi ry'ishimwe, kandi nzahigura umuhigo wanjye. Agakiza gaturuka ku Uwiteka." (*Yona 2:10*).

***Mbese twabasha kubona ahandi hantu muri Bibiliya hatavuga ku cya cumi, hāba harakoreshejwe uburyo bw'umugabane runaka mu bijyanye n'imisanzu y'ubutunzi yatangwaga?***

Nubwo bitavuzwe mu buryo bweruye cyane, bisa nk'aho Bibiliya yerekana mu buryo butaziguye ko gutanga bishingiye ku mugabane, cyangwa ku ijanisha, ari uburyo burushijeho kuba bwiza bwo kugaragaza ishimwe ryacu, ubugwaneza, no kugira ubuntu kwacu muri gahunda zitari izijyanye n'icya cumi. Hano hepfo hari amagambo agaragaza aho uburyo bushingiye ku mugabane bwagiye bukoreshwa.

**INKURU YA ZAKAYO** ni urugero rumwe ruboneka mu Isezerano Rishya, aho Zakayo, umucungamari w'umunyabwenge nk'uko yari ari, atigeze asezerana guha abakene umubare ufatika w'ubutunzi bwe, ahubwo yasezeranye umugabane runaka w'ibintu bye ("kimwe cya kabiri" cyangwa 50 ku ijana). Kandi abo yambuye, yafashe icyemezo cyo kubariha kane (*Luka 19: 8,9*). Ihame ry'icya cumi, birashoboka ko ryigishije abayuda benshi nka Zakayo, gutekereza mu buryo bw'umugabane. Ubu buryo, busaba inyurabwenge isa nk'aho irushijeho kwimbika

---

*[4] Amasezerano yacu: yasemuwe nka "Pacto", mu rurimi rw'Icyesipanyoli n'Ikinyaporutigali, ni gahunda yo gutanga, aho umuntu ahitamo kuramya Imana buri gihe kandi bigakorwa muri gahunda yateguwe binyuze mu kugira icyo atanga nyuma ya buri uko yungutse, (1) Icya cumi cyera cy'Imana, no (2) gutanga ijanisha ryagambiriwe mbere rya buri nyungu nk'ituro. Ni umwitozo wo kwizera no kwerekana ishimwe riganisha umuntu ku kurushaho kwizera Imana no kurushaho kuyishingikirizaho. (Ushobora kubona byinshi ku bijyanye n'aya masezerano hano: [https://stewardship.adventist.org/promise-offerings](https://stewardship.adventist.org/promise-offerings)).*

ugereranyije n'uburyo bushingiye ku gutanga "umubare ufatika" w'ubutunzi [cyangwa w'amafaranga].

**UMUPFAKAZI W'UMUKENE** na we, ntabwo yashimiwe ingano y'ibyo yatanze, ari byo byari bikeya cyane mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahubwo yashimiwe umugabane yatanze w'ibyo yari atezeho amakiriro, mu yandi magambo, "ibyo. . . yari afite byose" (*Luka 21: 1-4*), ari byo bivuze 100 ku ijana! Muri ubwo buryo, Yesu yari arimo aragerageza kwerekana ko nibura mu maso y'Imana, uburyo bushingiye ku mugabane bwari bugendereye gutuma bihinduka ibishoboka kugira ngo umupfakazi abe yatanga rwose ibiruta cyane iby'abakire. "Kubw'ibyo, Yesu yigishije ko agaciro k'impano katagenwa *n'ingano yayo ifatika*, ahubwo kagenwa *n'umugabane w'ubutunzi bwatanzwe* ndetse n'impamvu yateye umuntu gutanga."[5]

**ANANIYA NA SAFIRA** ntabwo icyatumye bagawa ari ukunanirwa kuzana ituro. Rwose bazanye ingano biyemeje, kandi birashoboka ko itari ntoya. Ikibazo cyari gihari, ni icy'uko "bagumanye umugabane runaka w'ibiguzi by'isambu. . . maze bazana umugabane runaka, bawushyira ku birenge by'intumwa" (*Ibyakozwe by'intumwa 5:2 [NKJV][6])*. Niba ari ukuri ko ijambo "umugabane" rishobora no gusobanura igice runaka cy'ibyuzuye, ubwo noneho icyatumye badapfa gusa ahubwo bakanabura ubugingo bw'iteka, birasa nk'aho kijyanye no kuzana umugabane runaka utandukanye n'uwo bari barasezeranye gutanga.

Dushobora no kubona ahandi habivugaho, kandi na ho ni mu Isezerano Rishya, mu 1 Abakorinto 16:2, aho Pawulo agaragaza ko umuntu agomba gutanga "nk'uko atunze" (NKJV) cyangwa "akurikije ibyo yungutse [NIV[7]]" – bikaba ari ikimenyetso cy'uko Imana yitega byinshi ku bungutse byinshi, kandi ikitega bikeya mu bungutse bikeya – bityo, bigatanga igitekerezo cy'uburyo bwo gutanga bushingiye ku mugabane.

*Muri gahunda ya Bibiliya y'icya cumi n'amaturo, ingano yatangwaga n'abantu batandukanye, birumvikana ko izaba itandukanye cyane, kubera ko yabaga ishingiye ku mugabane runaka w'ingano y'inyungu.*

---

[5] *Acts of Apostles*
[6] *NKJV Bible: New King James Version (Bililiya yitwa "Ingeri nshya yitiriwe umwami Yakobo")*
[7] *NIV Bible: New International Version (Bibiliya yitwa "Ingeri nshya mpuzamahanga")*

Mu Isezerano rya Kera, uburyo bwo gutanga bushingiye ku mugabane, bwagiye bunakoreshwa na “bamwe mu batware b’amazu” mu gihe cya Ezira. Aba batware “baturanye umutima ukunze amaturo y’inzu y’Imana, ngo bayishinge ahantu hayo: *batanga uko babashije*, batanga ubutunzi bwo gukoresha umurimo” (*Ezira 2:68, 69*).

Mu Gutegeka kwa kabiri 16, Mose avuga ko amaturo azatangwa “nk’uko Uwiteka Imana yawe yaguhaye umugisha” (umurongo wa 10) cyangwa “nk’uko bashoboye, bakurikije ibihwanye n’umugisha Uwiteka Imana yabo yabahaye.” Muri iyi mirongo yombi, amagambo arimo ashobora kugaragaza ibitekerezo byombi, icyo kubikora mu buryo buhoraho n’icyo gushingira ku mugabane runaka, ari byo bigaragaza ko Imana yitega amaturo igihe cyose habonetse umugisha (inyungu cyangwa kwiyongera k’ubutunzi), ndetse ko agomba gutangwa hashingiwe ku buryo bw’umugabane w’ibyungutswe.

***Mbese byagenda bite mu gihe nta kintu nungutse?***

Pawulo anagaragaza ko Imana itagira ikintu na kimwe yitega, habe ndetse n’icya cumi, mu bantu bafite umugambi wo gutanga nyamara bakaba nta kintu na kimwe babonye kivuye kuri Yo: “Kuko iyo umuntu yemeye gutanga ibyo afite, ibyo birahagije nta wukwiriye gutanga ibyo adafite” (*2 Abakorinto 8:12*). Uko byamera kose, niba nta nyungu nabonye, ubwo 10 ku ijana y’ubusa ni angahe? Muri ubu buryo, Imana iri kutwibutsa ko iteka ari Yo ibanza kuduha. Ntidushobora na rimwe gutanga ibiruta ibyo twakira. Ikindi ni uko, ubu buryo bwo gushingira ku mugabane w’ibyungutswe, muri bwo ubwabwo, rihakana icyitwa “*tewoloji yo kwikungahaza (prosperity theology)*[8]*”*.

Muri gahunda yo gutanga dushingiye ku mugabane w’ibyungutswe (ku ijanisha), tuzatanga kuko tuzaba twamaze kwakira. Aho gutanga kugira ngo twakire, tuzaterwa umwete wo kongera kureba inyuma ku migisha twamaze kwakira (inyungu), kugira ngo tubare ingano igomba gutangwa. Buri gihe, uburyo

---

[8] *Tewoloji yo gutera imbere: Ni imyizerere y’iyobokamana ifitwe na bamwe mu bakristo b’abaprotestanti, ivuga ko guhirwa mu by’ubutunzi no kugubwa neza mu by’umubiri, bihora ari ubushake bw’Imana kuri bo, kandi ko kwizera, kuvuga ibiri mu cyerekezo cyiza no gutanga byinshi kubw’umurimo w’iyobokamana, bizatuma ubutunzi bufatika bw’uwabikoze bwiyongera.*

twazirikanyemo imigisha, ni bwo bugomba kudutera gutanga, yaba icya cumi cyangwa amaturo (*Imigani 3:9*).

***Mbese ijambo "uruhererekane" riri mu magambo yo mu nyandiko za Elina G. White avuga ngo "gutanga mu buryo bw'uruhererekane" asobanuye iki?***

Mu butumwa bwihariye Imana yageneye abantu bayo bo mu bihe biheruka, *uburyo bwo gutanga hashingiwe ku mugabane w'ibyungutswe*, bunagaragara mu buryo burushijeho kwerura. Mu kuvuga ku ituro ry'umupfakazi w'umukene, Elina G. White yongeraho ubutumwa bweruye buvuga ko amaturo adahabwa agaciro bitewe n'ingano yayo, maze akararikira abantu gahunda yo gutanga mu buryo bw'uruhererekane, irimo n'igitekerezo cyo gutanga hashingiwe ku mugabane: "ku minzani yo mu buturo bwera, amaturo umukene atanze. . ., ntahabwa agaciro hashingiwe ku *bwinshi bwayo.* Ahubwo ahabwa agaciro hashingiwe ku rukundo rwamuteye kwitanga atyo. . . Mu kugiraneza kw'ijuru, Imana yateganije gahunda yo gutanga mu buryo bw'uruhererekane kugira ngo abantu bamererwe neza."[9]

Kugeza ubu, icyasobanuwe neza muri iriya *gahunda* ni iki: Amaturo ntabwo ahabwa agaciro n'Imana bitewe n'ingano yatanzwe. Umuntu umwe ashobora kuba atanga byinshi, nyamara niba bidatanzwe binyuze muri *gahunda* ikwiriye, bishobora kudahabwa agaciro! Kuri iyi ngingo, dushobora no kwibuka ko, nubwo Kayini na Abeli bamuritse ituro bombi, rimwe gusa ryatanzwe hakurikijwe *gahunda* ikwiriye ni ryo ryemewe. Biratangaje kuzirikana ko ikiganiro kijyanye n'uburyo bukwiriye bwo gutura, byari ingingo yatumye habaho ubwicanyi bwa mbere (*Itangiriro 4:1-8*)[10]. Birasa nk'aho iyi ngingo ari ingenzi cyane ku rwego rw'uko Elina G. White yageze aho ahishura ko "Iyi gahunda yo gutanga mu buryo bwateguwe kandi buhoraho, yateguwe kubw'umwami wacu Yesu Kristo ubwe, ari

---

[9] *Inama ku Busonga, p.161*

[10] *"Uwiteka yahaye Kayini na Abeli icyerekezo kirebana n'ibitambo bagombaga kumuzanira. . . [Kayini] ntiyifuzaga ko Abeli agira icyo amufasha mu kubona ituro. Ntabwo yari kumusanga ngo amusabe umwana w'intama. . . Abeli yashatse gutabara umuvandimwe we, amusuburiramo ya magambo y'itegeko ry'Imana bari barabwiwe arebana n'amaturo Imana yabasabaga. Kayini byaramurakaje kubera ko yumvaga ko murumuna we nta burenganzira yari afite bwo kumwigisha. . . Binyuze muri aya mateka, Uwiteka yajyaga kwigisha buri muntu wese ko Ijambo rye rigomba kumvirwa uko ryakabaye. Kayini na Abeli bahagarariye amatsinda abiri – abanyabyaha n'abakiranutsi, abakurikira inzira yabo bwite n'abahitamo kugendera mu nzira y'Imana. . ." Ellen G. White, Manuscript 136, 1899.*

we watanze ubugingo bwe kubw'iyi si.[11]" Yego, hariho gutegura, hakabaho na gahunda.

***Ariko se iyi gahunda Kristo yashyizeho ni iyihe nyirizina?***

Elina White avuga ko kugarura icya cumi n'amaturo, byombi bikubiye mu mahame abiri y'ibanze: *uburyo buhoraho* na *gahunda*. Avuga ko "Iyi ngingo yo gutanga itarekewe kugengwa n'*amarangamutima* [ari bwo buryo bwo gutanga budakwiriye]. Imana yaduhaye *umurongo usobanutse* urebana na yo [ari wo *gahunda*]. Yasobanuye ko *icya cumi* n' *amaturo* ari igipimo cy'uburyo dusohozamo *inshingano* yacu. Kandi itwifuzaho ko dutanga buri gihe kandi bigakorwa muri gahunda. . ."[12]

Mu buryo butangaje rwose, kandi buri mu murongo umwe n'isomo ryo muri *Malaki 3:8,* amagambo ahanditswe atanga igitekerezo cy'uko gutanga amaturo ari itegeko rwose nk'uko bimeze ku kugarura icya cumi, kandi ko impamvu ari uko byombi biri mu bigize gahunda imwe! (Nubwo ijambo "itegeko" ritamenyerewe cyane, nyamara ririmo hariya!). Amagambo ahanditswe, anavuga ko byombi bigomba gutangwa mu *buryo buhoraho* kandi bukozwe kuri *gahunda*. Nk'uko aya magambo yombi adasobanura kimwe, ubu dukwiriye kwibaza ibibazo bibiri by'ingenzi. Icya mbere, mbese *uburyo buhoraho* bugaragazwa n'iki? Icya kabiri, iyo *gahunda* ni iyihe, kandi igenda ite?

Dushobora kubona ibyadufasha kubona igisubizo kuri ibi bibazo byombi mu yandi magambo Elina White yanditse: "Muri gahunda ya Bibiliya y'icya cumi n'amaturo, ingano yatangwaga n'abantu batandukanye, birumvikana ko izaba itandukanye cyane, kubera ko yabaga ishingiye ku mugabane runaka w'ingano y'inyungu. . .[13]" Aya magambo atanga umucyo, atanga igitekerezo cy'uko [1] hariho gahunda (mu bumwe), [2]*icya cumi* n'*amaturo* bibarizwa muri iyo *gahunda* imwe, kandi ko [3] icya cumi n'amaturo ahoraho, byombi bikwiriye gutangwa nk'ijanisha ryagambiriwe cyangwa umugabane w'ingano y'inyungu.

---

[11] *Ellen G. White, Manuscript 136, 1899, p.66*
[12] *Ellen G. White, Manuscript 136, 1899z, p.80, 81 (emphasis provided)*
[13] *Ellen G. White, Manuscript 136, 1899, p.80, 81. (emphasis provided)*

Bamwe bashobora kwibaza impamvu dukoresha amagambo *umugabane* n'*ijanisha* mu buryo bumwe, mu gihe Elina G. White we akoresha ijambo "umugabane". Igisubizo ni uko, nk'uko ijanisha ari uburyo bwo kugaragaza imigabane, ndetse na buri mugabane ukaba ushobora kugaragazwa mu mibare nk'ijanisha, bituma nta tandukaniro riba ririmo mu gihe tuvuze kimwe cya cumi (umugabane) cyangwa icumi ku ijana (ijanisha) ry'ikintu. Igisubizo bizatanga kizaba ari kimwe rwose.

***Mbese ni kangahe kitwa "buri gihe", kandi ni iyihe "gahunda" yavugwagaho?***

Dushingiye kubyo twabonye mu bika bibiri bibanza, dushobora gusubiza ibi bibazo bibiri bijyanye n'*uburyo buhoraho* na *gahunda*, tuvuga ko *uburyo buhoraho* bw'icya cumi n'amaturo bukwiriye kugenwa n'igihe inyungu ibonekera, kandi ko *gahunda* irimo igitekerezo cy'uko icya cumi n'amaturo bigomba kubarwa nk'umugabane, cyangwa ijanisha, by'ingano y'inyungu.

***Ni gute mbara ingano y'amaturo yanjye?***

Niba mpisemo gutanga amaturo yanjye nshingiye ku ijanisha ry'inyungu igihe cyose habonetse umugisha w'ubutunzi (cyangwa inyungu), ntabwo mba nkigendera ku byiyumviro byanjye biza mu gihe runaka, ibitekerezo byo gutera ubushake, ishimwe rivuye ku mutima kandi ritanganywe ubushake, cyangwa n'ubusabe bwo gufasha imishinga irebana n'umurimo w'Imana; kubera nta nakimwe muri ibi byose cyatuma ntanga ibikwiriye bitewe n'imiterere yanjye y'ubunyacyaha. Ibiri amambu, bizaba ari ingaruka y'icyemezo kivuye ku mutima, cyateguwe, cyakomotse ku ihame rizima, cyashibutse mu bushake bwahishuwe bw'Imana, aho kuba amarangamutima ahindagurika y'umutima wanjye w'ubunyacyaha: "Iyi ngingo yo gutanga, ntiyarekewe kugengwa n'amarangamutima. Imana yaduhaye umurongo usobanutse urebana na yo. Yasobanuye ko icya cumi n' amaturo ari igipimo cy'uburyo dusohozamo inshingano yacu. Kandi itwifuzaho ko dutanga buri gihe kandi bigakorwa muri gahunda."[14]

---

[14] *Ellen G. White, Manuscript 136, 1899z, p.80, 81 (emphasis provided)*

Mbese ntibyaba bigoye cyane, kandi bigahinduka gukurikiza amategeko mu buryo butagoragozwa, mu gihe twaba dutanga amaturo muri ubu buryo? Twabyumva neza biruseho turamutse twibajije iki kibazo ku cya cumi, nk'uko byombi biri muri gahunda imwe. Mbese ntabwo ngomba gutanga icya cumi mu gihe ntari mu mwuka ukwiriye? Gushyingirwa kwanjye kwamfashije gusobanukirwa iyi ngingo, kuko *ntegetswe* no kugumana n'uwo twashyingiranwe mu buzima bwanjye bwose! Mbese ibyo na byo ntibyafatwa ko bigoye cyane kandi bigahinduka gukurikiza amategeko mu buryo butagoragozwa? Birumvikana ko ari oya! Nubwo umutima wanjye utari uwo kwiringirwa, n'amarangamutima yanjye akaba ahora ahindagurika kenshi, nize ko kugira ngo nkunde umugore wanjye, ngomba kubanza nkabihitamo, hanyuma nkabisengera, kandi nkabikora nzirikana ko ntacyiza na kimwe, yemwe no kumukunda mu buryo bikwiriye, cyagwa gutura Imana mu mwuka ukwiriye, cyangwa ikintu cyiza icyo ari cyo cyose, cyabasha guturuka mu mutima wanjye wacumuye, hatabayeho gufashwa n'Imana cyangwa hatarabayeho kubanza kugifatira icyemezo.

***Amaturo ya buri gihe n'amaturo atangwa bitewe n'imishinga ihari***

Nubwo Bibiliya cyangwa umwuka w'ubuhanuzi bitabuzanya amaturo atanzwe bitewe n'imishinga ihari; amaturo ya buri gihe, atanzwe kuri gahunda y'ijanisha ry'ibyo umuntu yungutse, akwiriye kuba aya mbere kandi akaba uburyo bw'ibanze bwo gutanga. Muri ubu buryo, andi maturo ayo ari yo yose atanzwe bitewe n'imishinga ihari, agomba gutangwa nk'inyongera kuri aya yambere. Mu magambo atangaje cyane, Elina G. White avuga ko "bake [bo mu bisirayeli] babikuye ku mutima, bagaruriraga Imana hafi kimwe cya gatatu cy'ibyo bunguka byose [hafi ya 33 ku ijana, habariwemo icya cumi n'amaturo ya buri gihe]," kandi yongeraho ko "*uretse* uku gutanga muri gahunda no gutanga amaturo ya buri gihe, hari hariho ibintu byihariye byahamagariraga abantu gutanga amaturo y'ubushake [gutanga bitewe n'umushinga uhari], nk'ubuturo bwera bubatswe mu butayu n'urusengero rwubatswe I Yerusalemu."[15] Muri aya magambo ari hejuru, tubonamo ko hariho itandukaniro rigaragara hagati yo (1) "gutanga kuri gahunda no gutura amaturo mu buryo bwa buri gihe", n'icyo yise (2) amaturo y'ubushake.

---

*[15] Ellen G. White, Testimony Treasures, vol. 1, pp. 546, 547 (emphasis provided).*

Aya maturo y'ubushake aba agenewe gutuma haboneka ibinekewe kubw'amakene y'imishinga iza rimwe na rimwe.[16]

Mu kuzirikana ibyavuzwe byose, mbese hari uburyo bwari bwaboneka nakoresha mu gutangana ubushake ku bijyanye no gutanga guhoraho kandi gukozwe mu buryo bwateguwe? Nahawe umudendezo wo kwakira cyangwa kutakira Kristo nk'Umucunguzi wanjye, n'Ijambo rye nk'itegeko rigenga ukwizera kwanjye. Nyamara igihe maze kwemera Ijambo rye, nkarifata nk'umugenga w'intekerezo n'ibikorwa byanjye, igikorwa cyo gutanga icya cumi no gutanga amaturo mu buryo buhoraho, bushingiye ku ijanisha, ntabwo kizakomeza kurebwa nk'aho kitari itegeko. Byombi, mu kuba biri muri gahunda imwe, biba byitezweho kugarurwa cyangwa gutangwa nyuma y'uko inyungu imaze kuza, kandi ni igice cy'ingenzi mu bigize ibikorwa bya Gikristo bishoboza Umudiventiste gusabana n'Imana ku giti cye, ari byo: kwiga Bibiliya buri munsi, gusenga kenshi, Kwiga ibyigisho biyobora abakuze kwiga Bibiliya, kwitabira ishuri ryo ku Isabato no gutangira ndetse no gusoza Isabato izuba rirenze.[17]

Rimwe mu itandukaniro riri hagati y'icya cumi n'amaturo, ni uko Imana yagaragaje ijanisha ry'icya cumi, naho ku maturo, itanga umudendezo wo kwihitiramo uko ijanisha ryayo rigomba kungana, nkabikora nshingiye ku buryo nzirikanamo imigisha yayo. Mu gihe runaka cy'ubuzima bwa Gikristo, hagomba gufatwa icyemezo; intego ivuye ku mutima igomba gufatwa ku birebana n'iryo janisha. Ubu njyewe namaze gufata umwanzuro wanjye mu myaka irenga mirongo ine ishize, kandi njyewe n'umuryango wanjye twabonye imigisha itangaje yaje nk'igaruka yabyo. Wowe bimeze bite? Ubu byifashe bite?

**"*Nahawe umudendezo wo kwakira cyangwa kutakira Kristo nk'Umucunguzi wanjye, n'Ijambo rye nk'itegeko rigenga ukwizera kwanjye.*"**

******

---

*[16] Dukwiriye no kuzirikana ko Elina White yashoboraga gukoresha mu nyandiko ze ukugena "amaturo y'ubushake" mu bundi buryo bwinshi butandukanye.*

*[17] Dogiteri Robert Mclver, mu gitabo cye, abyita "Imyitozo yo kubaha Imana y'umuntu ku giti cye," kandi mu buryo bw'ibarurishamibare, agaragaza ko iyo myitozo yose ifite aho ihuriye no gutanga icya cumi (Mu bushakashatsi bwe ntabwo yarebye ku maturo atangwa hakurikijwe ijanisha ry'ingano y'inyungu.) Reba muri McIver, R. (2016), Tithing Practices Among Seventh-day Adventists: A study of tithe demographics and motives in Australia,Brazil,England,Kenya and the United States (Cooranbong, NSW, and Silver Spring, Md.: Avondale Academic Press and Office of Archives,Statistics and Research—General Conference of Seventh-day Adventists),p. 153.*